KWIBUKA KU NSHURO YA 25 JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU 1994 KU NYUNDO

Tariki ya 07 Mata na 09 Mata 1994 ku Nyundo, kuri Cathédrale no muri Petit Seminaire no mu nkengero zaho nibwo Abatutsi bari bahahungiye bishwe urwagashinyaguro. Uyu munsi tariki 09 Mata nibwo twibuka Jenoside yakorewe abatutsi ku Nyundo *''NYUNDO IRIBUKA''*. Nyuma y'Igitambo cya Misa kibasabira cyayobowe na Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, Umwepiskopi wa Nyundo ku isaha ya saa moya za mugitondo. Hakurikiyeho urugendo rwo kubibuka twifatanyije n'abaturage baturutse hirya no hino baje kwibuka no guha icyubahiro abazize Jenoside yakorewe abatutsi mu w'1994 ku Nyundo. Urwo rugendo rwaturutse ku Murenge wa Nyundo twerekeza ku Rwibutso aho abazize Jenoside yakorewe abatutsi mu w'1994 baruhukiye.

MU Gitambo cya Misa **Padiri Fabien RWAKAREKE**, Umunyamabanga wa Diyosezi ya Nyundo, akaba n'umuhuzabikorwa by'iyogezabutumwa, akaba yari Padiri Mukuru wa Paruwasi Cathédrale muri 1994, yahawe umwanya agira icyo abwira abakristu baje kwifatanya n'abandi gusabira abazize Jenoside yakorewe abatutsi :

Nyiricyubahiro Musenyeri,
Bayobozi mu nzego zose,
Basaseridoti Bavandimwe,
Mwese abarokokeye Jenoside yakorewe abatutsi hano ku Nyundo no mu misozi iyikikije,
Miryango yahatakarije abanyu mwaturutse imihanda yose,
Mwese nimugire amahoro. Kristu abahumurize.
Ejo ku mugoroba mu ma saa kumi hariya imbere ya Katedrale ndi mu bureau nkoreramo numvaga abana baseka, mbihuje n'ibyo twibuka bya Jenoside yakorewe abatutsi hakaba hashize imyaka 25,nashimiye Imana uko twavuye mu rupfu none tukaba turi mu buzima.
Uyu munsi mbere na mbere mureke dushimire Imana.tuyiture Igitambo cya Kristu wapfuye ari intungane akaturonkera ubuzima. Natwe Imana yaduhaye ubuzima. Dore imyaka 25 irashize, abavuye habi cyane , muri Jenoside yakorewe abatutsi, ari abana ubu bamwe ni ababyeyi, abandi ni abasore n'inkumi, harimo abatari bake bashoboye kwiga bafite ishema ryo gutunga impamyabumenyi, n'impamyabushobozi zihanitse.

U Rwanda rwacu rufite amahoro, ruyobowe neza,rurinzwe n'intwari, rwabaye ihuriro ry'amahanga. Ejo Abayobozi b'Igihugu batangije iyi minsi y'icyunamo

mwarabyiboneye, amarira n'amaganya byasimbuwe n'imihigo yo kujya mbere. Imana yadukoreye ibitangaza. Idutabaye turayikundira.

Natwe nubwo twibuka abo duknda tutakiri kumwe muri ubu buzima, tukibuka kandi urwagashinyaguro bapfuye, tukibuka intimba yadushenguye umutima, tukibuka inkurikizi za Jenoside zigikurikiranye benshi batagira uwo batura iri bari kumutima ntiduheranwe. Abemera muhumurizwe na Kristu ugira ati: Abaremerewe n'imitwaro ni mungane nzabaruhura.

Turiho. Dufite Igihugu, dufite abavandimwe benshi muri Kiliziya y'Imana no muyindi miryango yubaka ubuzima.

Iki gitambo cy'Ukaristiya kibimburiye ibigiye gukorwa byose, kuri uyu munsi wo kwibuka abiciwe aha ku Nyundo no mu misozi ihakikije, kidukomeze. Natwe twitse imitima twakire ingabire Imana iduha. Kuko turi kumwe n'Imana twizeye ejo hazaza,izaturengereza ibyo yadukoreye ni Nyirubuntu, Umunyampuhwe na Nyirububasha.

Dushimire Imana kandi ko yagaruye imitima yabari bahururiye kwiza no gusahura, kuba baramenye ko bari batannye. Dusabire abakinangiye mu bitekerezo by'ubwikunde bitishimira ibyiza, bitishimira ko nabandi babaho neza. Nyagasani abagarurire umutima,maze twese twunze ubumwe turi abavandimwe nyabo tureke Kristu atwigarurire aduhe amahoro, tuyasangire, tuyasigasire dukundanye. Nyagasani ashimirwe kandi iki Gitambo kitugwirije umutima ukeye n'ubutwari bwo kubaho dufite intego yo kubaka amahoro.

Abasaseridoti baje kwifatanya n'Umwepiskopi kwibuka ku Nyundo

Nyiricyubahiro Musenyeri wa Nyundo, yagize ubutumwa atanga ku bakristu bari baje kwifatanya na we mu gitambo cya Misa yo gusabira abazize Jenoside yakorewe abatutsi ku Nyundo mu w'1994 ubwo harimo Abapadiri, Abihayimana, Abakristu n'abandi baturage bari bahahungiye:

Basaseridoti, Bihayimana, Bakristu, Bavandimwe, by'umwihariko mwebwe Bavandimwe, nshuti n'imiryango y'abavandimwe bacu baburiye ubuzima hano ku Nyundo kuri Cathedrale ku itariki nk'iyi ngiyi ya 09 Mata 1994, ndetse n'iya 07 Mata hariya hepfo mu I Seminari, ndetse n'ahandi hose muri Diyosezi yacu ya Nyundo ubwo Igihugu cyose cy' u Rwanda cyari mu icuraburindi rya Jenoside yakorerwe abatutsi, ndabaramukije kandi mbihanganisha, Nimugire amahoro y'IMNA.

Ku nshuro ya 25 duhuriye muri iki gitambo cy'Ukaristiya tuzinduwe no kongera kwibuka ariko cyane cyane dusabira abavandimwe bacu barimo abasaseridoti, abafurere, ababikira kimwe n'abakristu ndetse n'abaturage bose baguye aha ngaha ku Nyundo no mu nkengerro zayo, tubasabira gukomeza kuruhukira muri Nyagasani. Twemera kandi twizera y'uko Nyagasani yarangije kubakira akabagira abe ashingiye ku kuntu bagiye ari inzirakarengane, bazira gusa uko Imana yabaremye.

Amasomo matagatifu twumvise mu kanya araduha icyo cyizere, kandi natwe ubwacu twaje kubasabira aradukomeza ngo tudaheranwa n'agahinda ko kuba twarababuze. Isomo rya mbere twumvise ryo mugitabo cy'ubuhanga rifite umutwe ugira uti: amaherezo y'Intungane anyuranye n'ay'abagome. Koko rero bavandimwe amaherezo y'intungane anyuranye n'ay'abagome. Ni nayo mpamvu natwe abakiri muri ubu buzima bwa hano ku isi, tugomba guhora

dushishikariye gukora ikiri icyiza , ikibi tukakigendera kure kuko tuba twiteganyiriza, twitegurira amaherezo meza mu gihe abagizi ba nabi bo baba bikururira urupfu rw'iteka.

Igitabo cy'ubuhanga kitubwira ko Roho z'Intungane zijya mu biganza by'Imana, aho ibitotezo n'agashinyaguro bitabaho, mu gihe abagome bo ibicumuro byabo bibajya imbere kugira ngo bibashinje. Koko rero bavandimwe iyo dushubije amaso inyuma tukareba umugambi mubisha wa Jenoside wo kurimbura abatutsi wateguwe muri iki gihugu cyacu n'abanyapolitiki batari bafitiye urukundo abo bari bashinzwe, ugashyirwa mu bikorwa , abaturage bagashorwa mu bwicanyi bw'abaturanyi babo basangiraga akabisi n'agahiye, ubwicanyi bugasakara igihugu cyose, ingaruka zawo zituma turushaho kumva iri jambo twumvise ryo mugitabo cy'ubuhanga. Mu maso y'abicanyi, aba bavandimwe bacu dusabira barapfuye, bagushije ishyano, barashinyaguriwe, bicwa urupfu rubi, nyamara ntibapfuye burundu kuko ubu bibereye mu mahoro. N'ikimenyimenyi nyine,kuri iyi tariki ya 09 Mata, buri mwaka, turahura tukabibuka. N'ikindi gihe cyos etuzahora tubibuka. Kuri twebwe abemera ni ikimenyetso ntakuka cy'uko bariho mu maso y'Imana. Nyamara ariko za nkozi z'ibibi, babagome babambuye ubuzima, niba hari n'abakiriho simpamya ko baba bariho nyakubaho, baba bameze nka babandi Pawulo Mutagatifu yatubwiye baba barapfuye bahagaze. Koko rero bamaze iyi myaka 25 bihishahisha ubutabera, bahinduranya amazina ngo badafatwa, bahindura ibihugu, bashakisha aho batamenyekana. Nyamara se amaherezo yabo ni ayahe ? Ese ko bihisha, biyita ukundi, bakeka ko ibyo imana itabibona ? Ni ikihe wahisha Imana yo ireba kure ? Ni hehe se wakwibwira ko wihishe ijisho ry'Imana ikaba itakubona. Ni ibihe bikorwa se wakwibwira ko Imana itazi ko wabikoze ? Abo bose rero bamaze iyi myaka 25 bihishahisha ubutabera, mu by'ukuri barangije kwishyira mu rupfu. Icyaruta kuribo ni ukwemera ibyaha byabo, bakigorora n'Imana, bakabohora imitima yabo. Mu isomo rya kabiri, mu ibaruwa Pawulo Mutagatifu yandikiye Abanyakorinti, arashimangira icyo cyizere dufite aduhishurira banga ry'ubuzima buzahoraho iteka. Aragira ati : twebwe abemera ntituzapfa, ahubwo tuzahindurwa ukundi. Aba bavandimwe bacu dusabira kandi tukaba tuzi neza ko bapfanye ukwemera, dushingiye kuri iryo banga Pawulo Mutagatifu aduhishurira, turemera ko bahinduriwe ubuzima bagahinduka ukundi,bakaba bari mu buzima buzahoraho iteka. Ubuzima natwe tugomba gukorera natwe tukiri hano ku isi, kugira ngo igihe natwe tuzavira hano kuri iy'isi, tuzishimane nabo hamwe n'abatagatifu bose. Mukanya nyuma y'Igitambo cya Missa turaza gukora urugendo tubibuka, kandi tuze no gushyira

indabyo ku mibiri yabo yagenewe gupfa, tubaha icyubahiro cyibakwiye, icyubahiro bambuwe na babagome babacuje ubuzima. Ariko turaba tuzurikana ko Roho zabo zarangije kujya mu biganza by'Uhoraho nk'uko twabizirikanye mu ismo rya mbere.

Mu Ivanjili ya Matayo twumvise, Yezu aradukomeza kugira ngo tudaheranwa n'agahinda kuko twabuze abacu twari tukibakunze, nk'uko nabivuze tugitangira. Iri jambo Yezu atubwira agita ati : ntimugakuke umutima, niridukomeze kuko muri bya byicari byinshi atubwira biri mu nzu ya Se kandi ya Data, ntakabuza abo dusabira uyu munsi babigezemo. Ibyo kandi turabyemezwa kandi n'aya magambo ya Yezu aho atubwira ati : « Ntimugatinye abica umubiri, ariko badashobora kwica ubugingo». Koko rero abishi, bishe imibiri y'abasaseridoti, y'ababikira,y'Abafurere,y'abakristu barimo ababyeyi bacu,abavandimwe, abana bacu, inshuti zacu,yagenewe n'ubundi kubora, ariko ntibishe Roho zabo,ntibishe ubugingo bwabo. Niyo mpamvu Bakristu bavandimwe, abacu batuvuyemo nk'intungane tujye tubibuka tunabasabira ngo natwe mu byo dukora byose tujye duhora tugendera mu nzira za Kristu we Nzira, Ukuri n'Ubugingo.

Muri iki Gitambo cya Missa turasaba Nyagasani ngo amurikire abagome n'abagiranabi bose bagifite mu mitima yabo no mu bwenge bwabo inyota y'inabi, abahindure bumve ko ineza ari yo siko y'ubugingo bw'iteka. Abakifitemo ingengabitekerezo ya Jenoside, abakomeza kuyihembera ku buryo ubwo ari bwo bwose,abahindure bave muri iyo mitekerereze ishaje, bahinduke, bareke gukomeza kwikururira imivumo, ahubwo barangamire inzira y'ubutungane. Barangamire Yezu Kristu wigize umuntu kugira ngo adukize twese. Barangamire icyahuza abanyarwanda twese tukabana mu mahoro, duharanira guteze imbere igihugu cyacu mu bumwe n'ubwumvikane. Barangamire Yezu Kristu udutoza gukundana nk'uko yadukunze bikaba ari nabyo tuzirikana muri iki gihe cy'Igisibo kandi tuzanakomeza kuzirikana mu gihe cya Pasika tugiye kwinjiramo.

Bavandimwe bacu mwatuvuyemo twari tukibakunze kandi namwe mudukunze, turabunamiye kandi tubijeje ko tuzakomeza kubasabira. Imana yabakunze ikabagira abayoikomeze ibahe iruhuko ridashira mukomeze muruhukire mu mahoro.

Abaturage n’abayobozi bari mu rugendo rwo kwibuka bava ku Murenge wa Nyundo berekeza ku Rwibutso.

Uyu munsi kandi wari witabiriwe n’Abayobozi banyuranye ku rwego rw’Akarere ka Rubavu n’abandi baturitse hirya no hino.

DUKOMEZE KWIBUKA TWIYUBAKA

Padiri Jean Marie KWIZERA